Amabwiriza Arebana no Gukwirakwiza Urukingo rwa COVID-19 muri Leta ya New Hampshire Icyiciro cya 1a
24 Ukuboza, 2020

Leta ya New Hampshire itangiye gahunda yo gutanga urukingo mu byiciro, yibanda ku baturage bari mu kaga bakaba baragenewe inkingo zihariye zatanzwe n'inganda zikora inkingo. Aba baturage bari mu kaga bazafata inkingo mu Cyiciro cya 1a. Ibyiciro bikurikira bikubiye muri iyi nyandiko iri ukwayo Gahunda yo Gukingira COVID-19 muri Leta ya New Hampshire. Iyi nyandiko igamije gufasha ifatwa ry'ibyemezo bireba abaturage bazakingirwa mu Cyiciro cya 1a. Amabwiriza arebana n'ibindi byiciro azashyirwa hanze akiboneka. Iyi nyandiko irakomeza guhinduka, kandi igendana n'impinduka, uko ubukana bw'urukingo ndetse n'amakuru ajyanye n'ubwirinzi amenyekana hamwe n'amabwiriza ku rwego rw'igihugu agenda avugururwa. Iyi nyandiko ikubiyemo:

- Incamake y'ibyiciro bitatu by'abaturage bari mu Cyiciro cya 1a
- Ibisobanuro birambuye ku baturage bo muri Leta ya New Hampshire bari muri gahunda yo guhabwa urukingo mu Cyiciro cya 1a
- Amabwiriza ku bakoresha n'abandi bari muri gahunda yo gutanga urukingo ku birebana n'ingano y'inkingo zidahagije zihari

Icyiciro cya 1a: Umubare Muto w'Inkingo Ziboneka, "Icyiciro Simbuka Utangire"

Ishami rya New Hampshire Rishinzwe Serivise Rusange z'Abaturage (DPHS) ryashyize ibyiciro bikurikira by'abaturage mu Cyiciro 1a cy'abazakingirwa: 1) abakozi bakora mu nzego z'ubuzima bari mu byiciro bifite ibyago biri hejuru; 2) abakuze bari mu bari mu bigo bibitaho by'umwihariko; ndetse na, 3) abakora ubutabazi bwihuse. Igishushanyo gikurikira ni incamake ya gahunda yo gukwirakwiza urukingo rwa COVID-19 muri Leta ya New Hampshire icyiciro cya 1a, hamwe n'ibisobanuro ku bindi byiciro by'abaturage bigaragara hano hasi:

Abakozi Bakora mu Nzego z'Ubuzima Bari mu Byago

Abafite ibyago biri hejuru: Abakozi bakora mu nzego zakira abarwayi bwa mbere kwa muganga bita ku barwayi byihuse bakanafasha kwirinda kwanduzwa binyuze mu matembabuzi cyangwa umwuka urimo amatembabuzi.

Ibyago byoroheje: Abakozi bahura bitari ibya hafi cyangwa badahura n'umurwayi

Abakuze Bari mu Bigo Bibitaho by'Umwihariko

Abaturage barererwa mu bigo by'igihe kirekire (LTCF), abaganga b'inzobere (SNF), ndetse n'ababahabwa ubufasha bwo kubaho (ALF).

Abakora Ubutabazi Bwihuse

Inkongi ndetse na EMS: Abakora mu nzego zigenga, iza leta ndetse n'abakorerabushake bashinzwe kuzimya inkongi hamwe na serivise z'ubuvuzi zihutirwa (EMS).

Abanyamategeko: Abanyamategeko bose babifitiye impamyabumenyi cyangwa abakoze indahiro nk'abanyamategeko muri Leta ya NH, baba bafite amasezerano cyangwa batera ibiraka.* Harimo n'abari mu rugaga rw'abanyamategeko ariko batarihirwa ubuvuzi n'urugaga.

Abakora Ubutabazi Bwihuse ku Bakekwaho COVID-19: Abakozi bakora muri gahunda ya Leta ya NH yo kurwanya COVID-19 bahura n'abarwayi cyangwa abahuye n'ufite virusi ya SARS-CoV-2, harimo abakora muri laboratwari bapima COVID-19 ndetse n'abafata ibipimo by'ibizamini.

*Ntabwo harimo abayobozi bagenzura iyubahirizwa ry'ibikorwa by'ubufasha, bakaba bari mu cyiciro gikurikiraho.

Ibisobanuro ku Baturage Bari mu Cyiciro 1a

I. Abakozi Bakora mu Nzego z'Ubuzima Bari mu Byago

Ishami rya Leta ya New Hampshire Rishinzwe Serivise z'Ubuzima Rusange ryashyize mu Cyiciro cya 1a cy'abazahabwa urukingo ku ikubitiro abakozi bakora mu nzego z'ubuzima bari mu byago baba:

(1) Bakorera ahantu ibyago byo kwanduzanya SARS-CoV-2 biba biri hejuru, cyangwa

(2) Bafite ibyago byinshi byo gukwirakwiza ubwandu ku barwayi bafite ibyago bikomeye byo gupfa kandi barembye cyane.

Igendeye Ibigo by'Igihugu bya Siyansi, Ikoranabuhanga, ndetse n'Ubuvuzi (NASEM), Leta ya NH ivuga ko abakozi bari mu byago nk'abakozi **bishyurwa cyangwa batishyurwa bakorera ku bitaro bito ndetse n'abandi bakozi** bita ku barwayi **ahantu hatandukanye harimo**: ibitaro byihariye, ibyita ku bantu by'umwihariko ndetse n'iby'abafite uburwayi bwo mu mutwe; ivuriro rigendanwa ry'imbangukiragutabara ndetse n'amavuriro y'ubufasha bwihuse; ibigo byita ku barwayi b'impyiko; gutanga amaraso, ingingo, ndetse no gutanga ibice bimwe na bimwe by'umubiri; abaganga bakorera mu rugo; ndetse n'ahandi (reba imbonerahamwe ya 1). Iki cyiciro kandi kirimo abakora mu buvuzi bwa gakondo ariko kandi n'abandi bahura kenshi n'abarwayi cyangwa n'abantu benshi ku mpamvu z'akazi, harimo abakwirakwiza cyangwa bagenzura itangwa ry'urukingo rwa COVID-19 nk'abakora muri farumasi; abakora muri serivise yo gutanga amazi yo mu mubiri ndetse n'amaraso; abaganga basanzwe; abakora muri laboratwari ya COVID-19; hamwe n'abakora mu bubiko bw'imirambo, abakora ku marimbi ndetse n'abandi batunganya imirambo mbere yo gushyingurwa.

Imbonerahamwe ya 1: Ahantu abakozi bakora mu nzego z'ubuzima bari mu Cyiciro cya 1a bakorera

Urwego	Inshingano[1]
Ibitaro byihariye, ibyita ku bantu by'umwihariko ndetse n'ibyita ku bafite uburwayi bwo mu mutwe	Nyinshi
Abaganga bakorera mu rugo, abahabwa ubufasha kugira ngo babeho	Nyinshi
Ubufasha butangirwa mu mbangukiragutabara	
Ivuriro rigendanwa ry'imbangukiragutabara ndetse n'amavuriro y'ubufasha bwihuse	Nyinshi
Ibigo byita ku barwayi b'impyiko; gutanga amaraso, ingingo,	Nyinshi

ndetse no gutanga ibice bimwe na bimwe by'umubiri	
Ahandi hantu	
Amashuri abanza n'ayisumbuye (K-12)	Muganga w'ishuri
Ubuvuzi bugusanga mu rugo	Ubufasha mu buvuzi bugusanga mu rugo, ubufasha mu buvuzi bw'umuntu bwite, inzobere mu kuvura indwara runaka yihariye
Serivise zo gushyingura	Abatera imiti imirambo kugira itabora, abakora mu bubiko bw'imirambo, umuyobozi nshingwabikorwa w'irimbi, umuyobozi
Amaduka aranguza	Ukora muri farumasi, umutekinisiye wa farumasi
Abatanga ubufasha bwo gukosora/gukurikirana	Muganga w'umwuga (dogiteri), muganga
Inyubako icumbikiye abarwayi ba COVID-19	Abakozi, abatanga serivise z'ingendo
Amatsinda y'abantu babana mu rugo bari gukira nyuma yo gusanganwa COVID-19 mu rugo	Muganga, abandi bakozi bakora mu nzego z'ubuzima
Amatsinda y'abantu bafite ibyago biri hejuru byo gusimburanirwaho n'uburwayi	Muganga, abandi bakozi bakora mu nzego z'ubuzima

[1] Uru ntabwo ari urutonde rurambuye rugaragaza Icyiciro cya 1a cy'urukingo muri izi nzego. Inshingano nizo zizagaragaza nyirizina abakozi bafite ibyago byinshi bazakingirwa mu Cyiciro cya 1a.

Mu gutenganya ko itangwa ry'inkingo rizitonderwa kubera umubare udahagije, Ishami Rishinzwe Serivise z'Ubuzima Rusange (DPHS) ryagabanyije abakozi bari mu byago ni ukuvuga abafite ibyago biri hejuru cyane, ibyoroheje ndetse n'ibyago biri hasi. Abafite ibyago biri hejuru cyane ndetse n'ibyoroheje nibo bonyine bari mu Cyiciro cya 1a:

i. Ibyago biri hejuru cyane –bari mu Cyiciro cya 1a: Abakozi bo kwa muganga batanga ubufasha bw'ibanze bw'ako kanya ku murwayi hamwe n'abakozi batanga ubutabazi bahura n'ibyago byo guhura n'amatembabuzi cyangwa utunyangingo duto tugenda mu mwuka (urugero., uburemba (ED), icyumba cyo kwita ku murwayi (ICU), ubufasha bwihuse, inzobere z'indwara zo mu buhumekero, abaganga b'umwuga, abakozi bashinzwe gukingira COVID-19, abakozi bakorera umunsi ku wundi kwa muganga, abashinzwe umutekano, n'abandi.)

ii. Abafite ibyago byoroheje –bari mu Cyiciro cya 1a: Abakozi batahuye cyangwa birinze guhura neza guhura bya hafi n'umurwayi (urugero., kuvurwa imbonankubone na dogiteri (PT/OT), abashinzwe kugemura amafunguro, abanyamadini, abakira abarwayi, abapimira COVID-19 ku muryango, abasemuzi, abakora muri serivise yo kubarura abarwayi, abashinzwe gufasha abantu guparikira abahagana, abakingira, n'abandi.)

iii. Ibyago biri hasi – ntabwo bari mu Cyiciro 1a: Abayobozi cyangwa abandi bakozi batagize aho bahurira n'umurwayi (urugero. Abashinzwe inyandiko zo kwa muganga, ubuyobozi bw'ibitaro, abakora mu ibaruramari, abakora mu gikoni batagemura amafunguro, laboratwari itari iya COVID-19, n'ibindi.) Aba bakozi biroroshye ko bashobora kurinda ubuzima bwabo. Bakazakingirwa nyuma bishoboka igihe Icyiciro cya 1a kirangiye.

Imbonerahamwe ya 2 hasi iragaragaza ibyiciro by'imirimo mu bitaro cyangwa iyo mu mbangukiragutabara yujuje ibisabwa ngo umukozi ukora mu nzego z'ubuzima abe ari mu kaga, harimo ingero z'imirimo yihariye n'ikigero cy'ibyago bafite ku bwandu bwa COVID-19. Impamvu nyamukuru y'ubu buryo bwiyongereyeho bwo gushyira mu byiciro abakozi bakora mu nzego z'ubuzima bari mu kaga ni ubukorohereza Abashinzwe Abakozi kubashyira mu byiciro. Urutonde rurambuye kuri buri cyiciro n'aho bakora ruragaragara kuri uyu Mugereka A. Ingero z'ibyago nazo zirimo nk'umurongo ngenderwaho, ariko biterwa n'impamvu ndetse n'ahantu (urugero., inzobere z'abaganga bakorera batanga ubuvuzi kuri telefone bagomba gushyirwa bafite "ibyago biri hasi"). Ku nyunganizi irebana n'ifatwa ry'ibyemezo ku bakozi bakora mu nzego z'ubuzima nbari mu kaga, murebe Umugereka B.

Imbonerahamwe ya 2: Ibyiciro by'imirimo, ingero, n'ikigero cy'ibyago bafite ku bwandu

Icyiciro	Urugero rw'Umurimo	Ikigero cy'Ibyago Bafite ku Bwandu
Abakozi batanga ubufasha bw'ibanze *Bahura n'umurwayi bya hafi*	Dogiteri w'inzobere, muganga, uwunganira dogiteri, uvurira mu rugo	Hejuru
Abakozi badatanga ubufasha bw'ibanze *Bahura n'umurwayi bya hafi*	Abakora muri laboratwari ya COVID-19, abashinzwe umutekano, abashinzwe isuku y'inyubako	Hejuru
Abandi bakora mu nzego z'ubuvuzi *Bafite uko bahura n'umurwayi bya hafi*	Inzobere z'abaganga mu mitekerereze n'imyitwarire, abavura indwara zo mu mutwe, Abasuzuma ibimenyetso, abashinzwe indi mirimo isanzwe	Byoroheje
Amafunguro/Kugemura *Bafite uko bahura n'umurwayi bya hafi*	Abashinzwe kugemura amafunguro, abakora muri farumasi	Byoroheje
Amafunguro/Kugemura *Bahura n'umurwayi bya hafi*	Abatetsi, umucungamari, abategura amafunguro, abaoza amasahani	Biri hasi
Abandi badakora mu nzego z'ubuvuzi *Badahura n'umurwayi bya hafi*	Abakora imirimo yo gusana, ushinzwe ubiziranenge, abashinzwe gukurikira iby'ingendo	Biri hasi
Ubuyobozi, serivise zo kubika amakuru n'ibaruramari *Badahura n'umurwayi bya hafi*	Ushinzwe abakozi, kubika fagitire, umusesenguzi w'ingengo y'imari	Biri hasi
Ibya mudasobwa/Ikoranabuhanga *Badahura n'umurwayi bya hafi*	Abashinzwe ikoranabuhanga rya mudasobwa, ushinzwe ububikokoranabuhanga, ushinzwe kwinjiza amakuru	Biri hasi

II. Ibigo Byita ku Bantu Bakuze Cyane

Leta ya NH ishyira ibigo byita ku bantu bakuze cyane mu Cyiciro cya 1a bitewe n'ingaruka zikomeye za COVID-19 mu bigo byita ku bakuze cyane muri Leta ya NH. Iki cyiciro cy'abaturage kigabanyije mu matsinda abiri:

1) Abaturage bitabwaho by'igihe kirekire (LTCF) hamwe n'abaganga b'umwuga (SNF)
2) Abaturage bunganirwa kugira ngo babeho (ALF)

Abakozi bakorera aha hantu bafatwa nk'abakozi bakora mu nzego z'ubuzima bari mu kaga kandi na bo bazabona urukingo mu Cyiciro cya 1a. Abakuze cyane baba mu bigo bibitaho byigenga, ndetse n'abitabwaho by'igihe kirekire (LTCF), bazakingirwa nyuma y'icyiciro cya 1a kubera ko inyubako babamo ntizihuriramo abantu benshi kandi nta ngaruka zikomeye zigeze zigaragara muri Leta ya NH.

III. Abakora Ubutabazi Bwihuse

Abakora ubutabazi bwihuse basobanurwa mu buryo bukurikira:

- **Inkongi hamwe na serivise z'ubuvuzi zihutirwa (EMS):** Abakora mu nzego zigenga, iza leta ndetse n'abakorerabushake bashinzwe kuzimya inkongi hamwe na serivise z'ubuvuzi zihutirwa (EMS) akazi kabo kabashyira mu kaga ko kwandura COVID-19
- **Abanyamategeko:** Abanyamategeko bose babifitiye impamyabumenyi cyangwa abakoze indahiro nk'abanyamategeko muri Leta ya NH akazi kabo gatuma bahura n'abanyu benshi. Hano twavuga nk'abakora mu Rugaga rw'Abanyamategeko muri Leta ya NH batazabona urukingo binyuze muri gahunda y'urugaga. Ariko ntabwo harimo abakozi bakosora cyangwa bagasuzuma ibyakozwe, bo bazakingirwa mu cyiciro gikurikiyeho. Aha kandi ntabwo habariwemo abashinzwe umutekano ahandi hatari kwa muganga (urugero., abashinzwe kwegereza abantu ibicuruzwa, ibigo by'amashuri).

Mu gutenganya ko itangwa ry'inkingo rizitonderwa kubera umubare udahagije, Ishami Rishinzwe Serivise z'Ubuzima Rusange (DPHS) ryagabanyije abakozi bari mu byago ni ukuvuga abafite ibyago biri hejuru cyane, ibyoroheje ndetse n'ibyago biri hasi. Abafite ibyago biri hejuru cyane ndetse n'ibyoroheje nibo bonyine bari mu Cyiciro cya 1a:

I. **Ibyago biri hejuru** – abakozi bagera ku barwayi bwa mbere bari mu Cyiciro cya 1a nibo batekerezwa kuba bakwandura kubera inshingano z'umwuga wabo wo guhura bya hafi n'umurwayi.
II. **Ibyago byoroheje** – abakozi bagera ku barwayi bwa mbere bari mu Cyiciro cya 1a nibo batekerezwa kuba bakwandura kubera inshingano z'umwuga wabo wo guhura bitari ibya hafi n'umurwayi. Aba bakozi bagera ku barwayi bwa mbere batanga ubufasha bwo guhura bya hafi n'umurwayi /abita ku barwayi.
III. **Ibyago biri hasi** – baza nyuma y'Icyiciro cya 1a: abasigaye ku bagera ku barwayi bwa mbere. Aba bakozi bashobora kwirinda bamenya aho bagenda. Aba bakozi bazahabwa urukingo nyuma gato nyuma yo kurangiza Icyiciro cya 1a.

Abakora Ubutabazi Bwihuse ku Bakekwaho COVID-19: Abantu bagize uruhare rukomeye mu kurwanya iki cyorezo haba abo muri leta ndetse n'abikorera bafite ibyago byinshi byo kwandura COVID-19 bitewe n'akazi kabo. Harimo abakingira, abasuzuma, abafata ibipimo by'ibizamini, abakora mu nzego z'ubuzima bahuye n'abarwayi ba COVID-19 ndetse n'abahura na bo bya hafi hamwe n'abakora muri laboratwari za COVID-19.

Kwita ku Bantu Bari mu Cyiciro cya 1a

Mbere na mbere, ni ugutanga urukingo ku bakora mu nzego z'ubuzima ndetse n'abahura n'abarwayi bwa mbere bafite "ibyago biri hejuru" mbere y'abafite "ibyago byoroheje." Na none kandi, Ikigero cy'ibyago giterwa ahanini n'inshingano z'akazi n'aho akazi gakorerwa.

Hanyuma mwite ku bakozi mugendeye ku byago byo mu kazi ndetse n'ibye ku giti cye. Ibyiciro biri hano hasi bitondetse hakurikijwe abafite ibyago byinshi, ariko mwakongeraho ibyifuzo ku bijyanye n'uwakwitabwaho mu Cyiciro cya 1a. Harimo abakozi nubwo atari ihame:

- Ufite ibyago bikomeye byo kwandura (wahisemo kubivuga)
- Ufite hejuru y'imyaka 65
- Ukorera ahakirirwa abanduye COVID-19
- Uwakira abarwayi mu ba mbere
- Ugomba gukora adafite ibikoresho by'ubwirinzi bikwiriye
- Abashegeshwe n'ingaruka za COVID-19 ni ukuvuga itsinda rihuriye mu bwoko cyangwa umuryango runaka
- Abasanzwemo COVID-19 mu minsi 90 ishize.

UMUGEREKA A: Imirimo Yihariye y'Abakozi Bakora mu Nzego z'Ubuvuzi

Iyi mbonerahamwe isobanuye neza iri hejuru Imbonerahamwe 2. Muri iyi mbonerahamwe harimo ibyiciro by'abakozi bakora mu nzego z'ubuvuzi ndetse n'imirimo yihariye ikubiye muri ibi byiciro. Intego y'iyi mbonerahamwe ni ugufasha igenamigambi ryo gutanga urukingo ngo harebwe koko urukwiye n'icyiciro runaka. Icyitonderwa, uru rutonde ntabwo ruriho imirimo yose iba mu nzego z'ubuzima, ariko itangwa nk'umurongo ngenderwaho.

Umugereka A, Imbonerahamwe: Imirimo hagendewe ku Cyiciro

Icyiciro n'Ikigero cy'ibyago byo Kwandura muri NH	Imirimo – Ntabwo Biri kuri Alufabe
Abakozi batanga ubufasha bw'ibanze– Abahura n'umurwayi bya hafi bafite **ibyago biri hejuru**. Abakorera mu rugo cyangwa badafite aho bahurira n'umurwayi bya hafi ntabwo babarirwa mu bafite ibyago biri hejuru.	Abatoza
	Abaganga b'amenyo n'abavura izindi ndwara zo mu kanwa
	Abasukura Amenyo n'Ababunganira
	Abakora Ubutabazi Bwihuse
	Abakozi batanga Ubufasha Bwihuse Cyane, Abatekinisiye ndetse n'Abita ku Nkomere Zakomerekeye Hanze y'Ibitaro
	Abashinzwe Ikoranabuhanga mu Nzego z'Ubuzima
	Abaganga Bemewe kandi Bahuguwe
	Abajyanama ku Mibereho
	Abaganga b'Indwara ya Kanseri
	Abaganga b'Indwara z'Amatwi
	Abajyanama b'Ubuzima mu Rugo
	Abajyanama b'Ubuzima ku Bitaro
	Abaganga Bunga Ingingo n'Amagufa
	Abunganira Muganga
	Abatunganya Ibikoresho Byifashishwa kwa Muganga
	Abahindura Inyandiko kwa Muganga
	Abakora muri farumasi
	Abaganga b'Imitsi
	Abaganga b'Abana
	Ababyaza
	Abaganga Rusange
	Abungirije Muganga, Abakarani, n'Abaganga b'Indwara zo mu Mutwe
	Abakora muri Farumasi
	Abunganira Dogiteri
	Dogiteri
	Abaganga Bemewe
	Abaganga b'Ibyorezo n'Imvune
	Abaganga b'Imitekerereze n'Imyifatire
Abakozi Badatanga Ubufasha bw'Ibanze – Abahura bya hafi n'umurwayi bafite **ibyago biri hejuru**	Umunyamadini
	Abajyanama
	Abajyanama b'Ubuzima Bita ku Bantu ku Giti Cyabo
	Inzego z'Imibereho Myiza y'Abaturage n'Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze
	Abashoshoferi Batwara Abagenzi
	Abakora muri Serivise z'Ibidukikije
	Abashinzwe Umutekano
Abandi (bakora kwa muganga) – Abahura bya hafi	Abaganga b'Uburibwe mu Mubiri

n'umurwayi bafite **Ibyago biri hasi**	Abaganga b'Indwara z'Amatwi
	Abaganga b'Ingingo
	Abashinzwe Ikoranabuhanga n'Abakozi bo muri Laboratwari
	Abakozi bo muri Laboratwari Ishami ry'Amenyo ndetse n'Abandi Batekinisiye ku Birebana n'Ubuganga
	Abashinzwe Gusana no Kwita ku Binyabiziga
	Abakozi Bashinzwe Imirire
	Abakozi Bashinzwe Masaje
	Abakozi Bashinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza n'Umutekinisiye
	Abakozi Bashinzwe Imitekerereze n'Imyumvire, Abungirije, ndetse n'Abanjyanama/Abafasha
	Abaganga b'Amaso, Abakora muri Farumasi
	Abaganganga Bashinzwe Kuvura Amaso
	Abashinzwe Imiterere y'Umubiri, Abungirije, n'Abajyanama/Abafasha
	Abaganga b'Ukuguru
	Abaganga b'ubuzima bwo mu Mutwe
	Abashinzwe Imibereho Rusange
	Abagosha, Abatunganya Imisatsi, Abasuka Imisatsi ndetse n'Abatunganya Uruhu n'Inzara
Amafunguro/Kugemura – Abagira aho bahurira n'umurwayi bya hafi bafite **ibyago byoroheje**	Abashinzwe Kugemura Amafunguro
Amafunguro/Kugemura – Abatagira aho bahurira n'uwanduye bafie **ibyago biri hasi**	Ababaruramari
	Abatetsi/Abashinzwe Gutegura Amafunguro n'Ubuyobozi
	Aboza Amasahani
	Ushinzwe Aho Biyakirira n' Ubuyobozi
	Ushinzwe Serivise z'Amafunguro
	Abakozi Bategura Andi Mafunguro ndetse n'Abatanga Serivise
Abandi Badakora kwa Muganga - Abatagira aho bahurira n'uwanduye bafite **ibyago biri hasi**	Inzobere mu Binyabizima
	Abita ku Bana
	Abatwara Ubutumwa cyangwa Imizigo
	Abashinzwe Kwegereza Ibicuruzwa Abakiriya
	Abashoferi/Abashinzwe Ibicuruzwa n'Abashoferi b'Imodoka nini
	Abatunganya Ubutaka
	Abashingwabikorwa
	Abamesa ndetse n'Abakora mu Nzu Zisukura Imyambaro
	Abanyanyamategeko ndetse n'Ubuyobozi
	Abakora mu Isomero n'Ushinzwe Ikusanyamakuru
	Abashinzwe Kubika Amakuru no Gukoresha Imashini
	Abasana Ibinyabiziga, Rusange
	Muganga Dogiteri
	Abashinzwe Kwishyuza Parikingi
	Abakora kuri Serivise yo Gusubiza Ibibazo by'Abakiriya

Ubuyobozi, serivise zo kubika amakuru n'ibaruramari - Abatagira aho bahurira n'uwanduye bafite **ibyago biri hasi**	Serivise z'Ubuyobozi n'Ubuyobozi bwo Hejuru
	Ababaruramari, Abashinzwe Kubika Amakuru, n'Abagenzuzi hamwe n'ubuyobozi
	Ushinzwe Abaguzi n'Ibicuruzwa hamwe n'Ubuyobozi
	Abayobozi Nshingwabikorwa
	Ushinzwe Inyungu za Bizinesi n'Ubuyobozi
	Abahagarariye Abakiriya
	Abashinzwe Kubaza Abantu Ibibazo
	Abashinzwe Imari n'Ubuyobozi
	Ibiro ndetse n'Abashinzwe Inyunganizi n'Ubuyobozi
	Abashinzwe Gukusanya Inkunga
	Abashinzwe Abakozi n'Ubuyobozi
	Abashinzwe Ubucuruzi no Kumenyekanisha Ibikorwa n'Ubuyobozi
	Abashinzwe Serivise z'Ubuzima
	Abashinzwe Kubika Amakuru Arebana N'ubuvuzi, Abashinzwe Ikoranabuhanga kwa Muganga
	Abashinzwe Gutegura Inama, Amahuriro n'Ibirori
	Abashinzwe Umutungo Utimukanwa
	Abashinzwe Amakuru n'Ubuyobozi
	Impuguke mu Gutanga Amakuru
	Abakira Abantu ku Biro
	Abanyamabanga n'Abungirije ndetse n'Ubuyobozi
	Abashinzwe Kohereza Ibintu Hnaze no Kubyakira
	Abashinzwe Serivise z'Imibereho Myiza
	Abashinzwe Amahugurwa n'Iterambere hamwe n'Ubuyobozi
	Abashinzwe Ingendo, Ububiko ndetse no Kwegereza Abakiriya Ibicuruzwa
Ibya mudasobwa/Ikoranabuhanga- Abatagira aho bahurira n'uwanduye bafite **ibyago biri hasi**	Abashinzwe Ikoranabuhanga, Ubwunganizi kuri Mudasobwa, Ububiko bw'Amakuru hamwe n'Ubuyobozi
	Inzobere ku Ikorabuhanga
	Abashinzwe Kwinjiza Amakuru
	Abashinzwe Ikoranabuhanga kwa Muganga, Abunganira Muganga Ubaga hamwe n'abandi bose.

UMUGEREKAB: Kumenya niba Abakozi Bari mu Nzego z'Ubuzima n'Abahura bwa Mbere n'Abarwayi bari mu Cyiciro cya 1a

Igishushanyo Cyerekana niba Abakozi bo mu Nzego z'Ubuzima* n'Abahura bwa Mbere n'Abarwayi bari mu Cyiciro cya 1a



*Abakora mu nzego z'ubuzima: Harimo ariko si ihame ibitaro byihariye, ibyita ku bantu by'umwihariko ndetse n'iby'abafite uburwayi bwo mu mutwe; ivuriro rigendanwa ry'imbangukiragutabara ndetse n'amavuriro y'ubufasha bwihuse; ibigo byita ku barwayi by'impyiko; gutanga amaraso, ingingo, ndetse no gutanga ibice bimwe na bimwe by'umubiri; abaganga bakorera mu rugo; bakavurira mu rugo; ibiro bya muganga w'ishuri ndetse n'ahandi (reba Imbonerahamwe 1).

**Umukozi wo mu nzego z'ubuzima (ndetse n'abakozi bahura n'abarwayi bwa mbere bya hafi nkuko bigaragara hejuru): Abakozi bishyurwa cyangwa batishyurwa bakorera mu nzego z'ubuzima bakita ku barwayi (ni ukuvuga., muganga w'inzobere/dogiteri, muganga usanzwe, n'ibindi.) cyangwa bakorera aho bahora bahura n'abarwayi (ni ukuvuga., ahatangirwa serivise z'abarwayi nyirizina, ahafatirwa amakuru y'abarwayi). Iki cyiciro kandi kirimo abakora mu buvuzi bwa gakondo ariko kandi n'abandi bahura kenshi n'abarwayi cyangwa n'abantu benshi ku mpamvu z'akazi, harimo abakwirakwiza cyangwa bagenzura itangwa ry'urukingo rwa COVID-19 nk'abakora muri farumasi; abakora muri serivise yo gutanga amazi yo mu mubiri ndetse n'amaraso; abaganga basanzwe; abakora muri laboratwari ya COVID-19; hamwe n'abakora mu bubiko bw'imirambo, abakora ku marimbi ndetse n'abandi batunganya imirambo mbere yo gushyingurwa.